UMURYANGO W'AGISIYO GATOLIKA Y'INGO (AGI) BIJIJHIJE UMUNSI MUKURU WABO

Kuri uyu wa gatangatu tariki ya 20 Mutarama 2018 nibwo Nyiricyubahiro Musenyeri Anaclet MWUMVANEZA, Umushumba wa Diyosezi ya Nyundo, yatuye Igitambo cy'Ukaristiya ari kumwe n'Umuryango wa 'AGI: Agisiyo Gatolika y'Ingo. Ubundi uyu munsi wabo bawizihiza ku munsi w'urugo rutagatifu,ariko bifuje kuwizihiza bari kumwe n'Umwepiskopi ngo yongere abahe ubutumwa kandi abakomeze mu muryango wabo. Icyo twamenya kuri AGI:

-AGI n'Umuryango wa Agisiyo Gatolika wahawe ubutumwa n'Umwepiskopi bwo gucengeza Ivanjili mu ngo nka Kiliziya y'ibanze.

-Ni umuryango ufasha abawurimo gukomeza urukundo mu ngo zabo bityo bakamurikira n'iz'abaturanyi.

-Ni umuryango ufasha abashakanye kuzuza ubutumwa Imana ibaha bwo gutunga neza ingo zabo

-Ni umuryango uhamagarira abawurimo kunga ubumwe n'abandi mu guharanira amajyambere nyakuri bamurukiwe n'Ivanjili n'inyigisho za Kiliziya.

-Abanyamuryango ba AGI ni urugo rw'abashakanye gikristu baharanira kwitagatifuza.

Bakoze umutambagiro bagana muri Cathedrale buri wese ari kumwe n'uwo bashakanye. N'ubwo kandi umwe muri bo uwo bashakanye yakwitaba Imana aguma mu muryango wa AGI ntakibazo, nawe baramufasha.

AGI

Mu nyigisho yatanze kuri uwo munsi Nyiricyubahiro Musenyeri yagarutse cyane ku kubana gikristu kw'abashakanye mu rukundo n'ubudahemuka, bakaba kandi barasezeranye imbere y'Imana na Kiliziya n'imbere y'amategeko ya Leta kandi bigomba gushinga imizi no mu bana bibarutse. Yabashimiye uko bakora mu muryango wabo n'uko bashishikariza abandi kuza mu muryango wabo kuko umuryango ari igicumbi cy'ubuzima, uburere n'ubukristu.

Mubatanze ubuhamya, Paul NDIKUMANA n'uwo bashakanye Valentine NYIRAHABIMANA, bamaze imyaka 18 babana. Umuryango wa AGI babamo utuma babana neza bumvikana; babyaye abo bazashobora kurera, kandi baringaniza imbyaro ku buryo bwa kamere Kiliziya yabigishije, bagahesha abana babo amasakramentu, bakabazigamira, bakabohereza ku ishuri, kandi uko babanye babana mu bwubahane no mu bwumvikane; bakabishobozwa no kuba barafasheho Yezu Mariya na Yozefu abarinzi b'urugo rwabo. Kandi bakihatira gukurikiza inyigisha bahabwa mu muryango wabo wa AGI. Barashimira ubuyobozi bwa Kiliziya bukomeza kwita ku muryango nyarwanda gukomeza kubaho mu ndangagaciro nkiristu. Kuba muri AGI kandi ntibibangamira kugira ahandi ubarizwa hemewe na Kiliziya. Ushobora kuba muri Choral cyangwa n'ahandi hatuma ukomera mu kwemera.

Madame Marie Louise MUKAMUCYO, umupfakazi uba muri AGI, ati n'ubwo umugabo wanjye yitabye Imana ndashimira umuryango wa AGI ukomeza kumba hafi nanjye nkiyumva ko ndi kumwe nabo. Yakomeje ashimira abanyamuryango ba AGI ko badaheza abagize ibyago byo gupfusha abo bashakanye ahubwo bakarushaho kubakomeza mu buzima barimo. Yakomeje ashimira Nyiricyubahiro Musenyeri we ubahora hafi kandi akabasabira. Yarangije avuga ko umunyamuryango wa AGIahamagariwe kuba intangarugero mu muryangoremezo abarizwamo no gutanga urugero rwiza mu rugo rwe.

Mu Ijambo rye Nyiricyubahiro Musenyeri asoza uwo munsi yatangiye ashimira cyane Nyiricyubahiro Musenyeri Aloys BIGIRUMWAMI watangije uyu muryango muri Diyosezi yacu ashimira n'abamubanjirije bose ko bakomeje kubungabunga umuryango w'abashakanye. Yakomeje ashimira abanyamuryango batacitse intege nubwo banyuze muri byinshi ariko bakaba bakomye ku ndangagaciro nkiristu zigomba kuranga abashakanye Roho Mutagatifu akomeze abayobore. Yakomeje avuga ko nyuma yo kwigisha abana, n'urubyiruko yishimiye kubona abayeyi nabo bafite aho bahurira kuko n'urugendo rw'iyogezabutumwa rukomeza uhereye ku rubyiruko ukagera kubashakanye. Kilizya twese tugize umuryango w'Imana ariko abashakanye mugize umuryango w'ibanze. AGI rero yinjira neza mu cyifuzo cya Kiliziya kuko na Papa wacu Fransisko akomeye ku muryango wabashakanye. Yakomeje avuga ati AGI nigere henshi kandi ikomere ifashe kubana neza abashakanye. Yarangije rero asaba ababyeyi kwigisha urubyiruko kumenya gutenyariza ubuzima bwabo buzaza bwiza bw'urugo cyangwa bwo kwihimana. Ati mubahe

umugisha kandi mubatoze gukora ntibakabe abanebwe. Yarangije abaha umugisha.

Padiri Jean Marie KWIZERA